# 41: Nasezeranije guhora Ngukurikira, Yesu

1.

Nasezeranije guhora Ngukurikira, Yesu; Iminsi yos' umpore hafi, Mukiza wanjye mwiza. Singitiny' intambara mbi zose.Wow’ umpagarikiye, Sinashobora kuzimira, Ni mpora nkuyoboka.

2.

Ndashaka yuko twibanira, Ni ngeragezwa n'isi. , Numv' amajwi yay' anyinginga Iteka ngo nkuveho. Ababisha baranyegereye, Bar’ inyuma n'imbere. Nyamara, nkwisunge, Krisito, Undind' ibicumuro.

3.

Mukiz’ ijwi ryawe numvise Rindutir’ ayo yose : Unyongorere mu mutima Ngo ntumvir’ ayo moshya, Hor’ umbwiriz' ibyo kuntinyura, Kand' uhor' ;untegeka, Uvuge ngo nanjye nkumvire, Murengezi nizera.

4.

Mukiza wasezeranije Abagukurikira Yuk’ uzabageza mw ijuru, Bahoraneyo nawe.Kandi nanjye nasezeranije Guhora ngukorera; Umfashish’ ubuntu n'ibambe, We Databuja wera

5.

Kand’ umpe kuger' ikirenge Mu cyawe, Muyobora. Imbaraga zawe zonyine,Ni zo njya niringira. Ujy’ unyobor' iyo nzira yawe,Nkiriho mur'iyi si; Maz' uzanyakire mw ijuru, Mukunzi wankijije.